Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Gicurasi / Mai 2020 *Kinyarwanda*

Mpa amazi yo kunywa!

(Yoh 4,7)

Tinyuka gusaba!
Dare to ask!

Nshuti bakunzi b‘ijambo,

yari mu rugendo wenyine, agendesha amaguru, yitwaje impamba yonyine hamwe n’utundi tuntu duke nkenerwa. Ni uko aza gukenera amazi yo kunywa. Iyo yahuraga n’umuntu, yamusabaga amazi. Kenshi bamwe baramwiyamaga cyangwa bakamwihorera, bitewe no kumva batiyizeye, cyangwa se no kumwishisha. Ariko iyo bamutegaga amatwi bakumva ikibazo cye: „Mushobora kumpa ku mazi yo kunywa?“, havukaga ukwizerana. Kenshi ndetse baheraga ko baganira birambuye, bigatuma bamenyana, bombi bikababera iby’agaciro gakomeye.

Yohani, umwanditsi w’ivanjiri adutekerereza inkuru isa n’iyi twumvise haruguru. Ni uko ngo umugore wo kuri Samariya ajya ku mugezi kuvoma amazi, ahagana mu ma saa sita. Yaje wenyine, ibintu bitari bisanzwe bibaho muri icyo gihe. Yasaga n’uwahawe akato, nta nshuti agira. Mu by’ukuri yasaga nk’aho atarashyikira ubuzima nyabwo. Yezu akimubona ahita asobanukirwa ibimwerekeye ho: Hari ikitagenda neza. Ni uko Yezu yegera wa mugore w’umunyasamariya, ibintu byari bihabanye n’umuco w’abayahudi mu gihe cye, aramubwira ati: „Mpa amazi yo kunywa!“ Ni uko ikiganiro gihera ko gitangira. Birashoboka ko bwari ubwa mbere mu mateka y‘wo mugore ahura n’umuntu umwereka ko amuri hafi by‘ukuri. Yumvise yakiriwe uko ari kandi yumviswe. Ibi byahaye umutima we gusendera ibyishimo, ku buryo yahise asiga aho ikibindi cyuzuye amazi, ni uko asubira mugi yari yaturutsemo.

Usabana ubwitonzi, atera usabwe gutanga. Ibihe byiza bidasanzwe by’umubano uzira amakemwa, ibihe by’amahoro, biravuka bikanasangirwa. **Tinyuka gusaba! Dare to ask!**

Ku bw’itsinda go4peace Meinolf Wacker